REPUBULIKA Y'U RWANDA
URUKIKO RW'IKIRENGA
URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI
B P 44 RUSIZI.

**INYANDIKO IHINNYE YO KUMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA**
**RP 00154/2018/TGI/RSZ.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa 28, ukwezi kwa GICURASI;

Twebwe NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI, tumaze kubona urubanza **RP 00154/2018/TGI/RSZ,** ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI buregamo uwitwa **NDUNGUTSE Janvier, icyaha cyo kunyereza umutungo,** icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 325 z'itegeko ngenga n° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, rukaba rwaraciwe n'uru Rukiko Rwisumbuye kuwa 21/02/2019;

Dushingiye ku ngingo ya 168 y'itegeko n° 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Duteguye iyi nyandiko ihinnye, kugira ngo **uwitwa NDUNGUTSE Janvier** mwene **NDUNGUTSE Edouard** na **UZAYISENGA Annonciatha** wavutse **1989** wabarizwaga mu Mudugudu wa **MURANGI**, akagari ka **KAMURERA**, Umurenge wa **KAMEMBE**, Akarere ka **RUSIZI**, Intara y'Iburengerazuba; azamenyeshwe imikirize yarwo iteye itya :

URUKIKO rushingiye ku ngingo ya 325 y'itegeko ngenga n° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana;

*Rwemeje ko ikirego cy'ubushinjacyaha gifite ishingiro.*

*Rwemeje ko ikirego cy'indishyi cya Centre d'Accueil Saint François d'Assise(CASFA) gifite ishingiro kuri bimwe.*

*Rwemeje ko NDUNGUTSE Janvier ahamwa n'icyaha cyo guhimba no gukoresha inyandiko zitavugisha ukuri.*

*Rwemeje ko NDUNGUTSE Janvier ahamwa n'icyaha cyo kurigisa umutungo ugizwe n'amafaranga miriyoni mirongo ine na zirindwi n'ibihumbi ijana na mirongo itandatu na kimwe na magana atatu na makumyabiri n'atatu y'u Rwanda (47,161,323 frw) ya Centre*

*d'Accueil Saint François d'Assise(CASFA) yari yahawe ngo yishyure imisoro nta bikore ahubwo akayitwarira.*

*Ruhanishije NDUNGUTSE Janvier igifungo cy'imyaka icumi (10 ans d'emprisonnement ferme) no kwishyura ihazabu ingana na miliyoni ijana na mirongo ine n'imwe ibihumbi magana ane na mirongo inani na bitatu na magana acyenda mirongo itandatu n'icyenda ( 141.483.969 Frw). 51.*

*Rwemeje ko NDUNGUTSE Janvier asubiza Centre d'Accueil Saint François d'Assise(CASFA ) amafaranga yayo yarigishije ahuye na miriyoni mirongo ine na zirindwi n'ibihumbi ijana na mirongo itandatu na kimwe na Magana atatu na makumyabiri n'atatu y' u Rwanda ( 47,161,323 Frw ).*

*Rwemeje ko NDUNGUTSE Janvier agomba guha kandi Centre d'Accueil Saint François d'Assise(CASFA) amafaranga miriyoni cumi n'eshatu n'ibihumbi mirongo itanu na bitandatu na magana inani na miringo inani n'arindwi (13, 056,887 Frw) ahuye n'ibihano by'imisoro itarishyuwe n'icyo Kigo cy'igihugu cy'imisoro n'amahoro( RRA) ndetse n'inyungu z'ubukererwe z'imisoro itarishyuwe zihuye n'amafaranga y' u Rwanda miriyoni icyenda n'ibihumbi magana abiri na mirongo ine n'umunani na magana ane na mirongo itatu n'ane( 9,248,434 Frw).*

*Rwemeje ko NDUNGUTSE Janvier asubiza kandi Centre d'Accueil Saint François d'Assise(CASFA ) amafaranga yagiye ku rubanza angana na miriyoni ebyiri n'ibihumbi magana atanu y'u Rwanda(2,500,000) akubiyemo igihembo cy'abavoka kingana na 2,000,000 frw n'igihembo cy'umugenzuzi(Auditor) kingana na 500,000 frw.*

*Rwemeje ko izindi ndishyi Centre d'Accueil Saint François d'Assise(CASFA) yasabye guhabwa na NDUNGUTSE Janvier zijyanye n'amafaranga y'imisoro ivuga yaciwe ku bikorwa by'ubucuruzi binyuranye itakoze zitagomba gusuzumwa kuko ntaho zihuriye n'icyaha yerezwe.*

*Rutegetse NDUNGUTSE Janvier kwishyura ayo mafaranga amaze kuvugwa haruguru ku neza, atabikora akayishyuzwa ku ngufu za leta urubanza rukimara kuba ndakuka.*

*Rutegetse NDUNGUTSE Janvier kwishyura amagarama y'urubanza ahuye n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000 frw), atabikora ku neza, bigakorwa ku ngufu za leta urubanza rukimara kuba ndakuka.*

UMENYESHEJWE: **NDUNGUTSE Janvier**

UMUMENYESHEJE+ITARIKI

…………………………………………

ICYO AKORA + UMUKONO + KASHE

URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUSIZI

NYIRAMBONIGABA M. Thérèse
**UMWANDITSI W'URUKIKO UTEGUYE IYI NYANDIKO**